*they that can give up essential liberty to obtain a little temporary safety deserve neither liberty nor safety.*
Benjamin FRANKLIN

# IJAMBO

N° 51 Fax : (250) 7 6574 Tél. 7 4886 B P. :2154 KIGALI République Rwandaise

Prix : 100 Frw compte 91—04—251—25222/02 (B.C.R.)

...me liberty,
...me death"
...HENRY



*Aho kunigwa n'ijambo uzanigwe n'uwo uribwiye*

CENTRE DE FORMATION ... DE RECHERCHE ... C.R.D.C. ... RWANDA

## The Wehrmacht Was The Better Army

516

## U S A & Rwanda: amatora

## Minisitiri MBONAMPEKA yareguye



# Hashize imyaka 30: 1963-1993

## Ijambo ry'umwaka mushya rya Perezida KAYIBANDA

# "Abatorotse Igihugu bazabe bagumye aho batorokeye"

**Ku banyarwanda bari mu mahanga: abajyanywe no guhaha bazatahe amahoro bokaza amahoro ; abatorotse Igihugu bakireba inyuma iyo Igihugu cyavuye bazabe bagumye aho batorokeye.**



*KAYIBANDA yari afite ibanga; inkotanyi ntiz irazobanukirwa ukuntu yatsindaga za se, inyenzi.*

Banyarwanda mwese,

Uyu mwaka mushya dutangiye urababere muhire : Ubere muhire umuturage wese, ubere muhire urugo rwose, ubere muhire Igihugu cyose.

Aliko ibyo tuzabihabwa n'uko dukoze uko dushoboye twese ngo uyu mwaka utubere nk'uyu turangije, usige uduteje indi ntambwe mu majyambere y'ingo zacu n'ay'Igihugu cyacu.

Niyo mpamvu mu magambo alinganiye, ngiye kubacira mu byo Leta ya Repubulika na Prezida wanyu bimilije imbere, bakulikije programe ya Repubulika mul'iyi myaka.

Mu muco wa Demokrasi abaturage bagomba kumenya ibyo Leta yabo ikora, na Leta nayo ikamenya ibyo abaturage bakeneye : bose bagafatana urunana baharanira kugeza Igihugu ku mibereho yisumbuye.

Muli aya mezi rero, Leta ihugiye kuli ibi bintu by'ingenzi :

1.- Gutegan.yiriza imilimo y'Igihugu y'umwaka utaha : Ibizimilizwa imbere, amafaranga azabikora, n'aho ayo mafaranga azava ; uko imisoro izagenwa kugira ngo imilimo y'amajyambere yunguke.

Ni umulimo ukomeye, ugomba ubuhanga n'ubwitonzi no gushyira mu gaciro ; niyo mpamvu ba Ministre bose na Prezida bawuha igihe cya ngombwa mbere y'umwaka ; Niyo mpamvu ibyateganijwe bigomba kumulikirwa Inteko Nkuru y'Ubutegetsi, niyo mpamvu umuturage wese utaratanga umusoro w'uyu mwaka agomba kuba alibyo ashyiraho umutima n'abategetsi bose bakabihagurukira.

2.- Kunoza umubano w'u Rwanda n'amahanga : Urugendo Prezida na ba Ministre bavuyemo rugomba gukulikirwa n'andi masezerano y'ubucuti n'ubufashanye, uwo mulimo uracyari muremure aliko intango yawo iliho kandi iteye neza: Leta irashaka ko uwo mubano utangirana n'umwaka mu byerekeye akamaro ugomba kugirira Repubulika. Ab'injiji cyangwa ab rasi nibo batumva agaciro k'ububanyi bw'amahanga yose mul'iki gihe.

3.- Kunoza demokrasi y'ubutabera mu buyobozi bubigenewe bwahawe inkiko : ibyo Leta ibifatanya n' Urukiko rw'Ikirenga. Iryo shami ry'ubuyobozi bwa Repubulika ligomba gutungana nkuko rubanda rubyifuza. Hakajyaho abacamanza bitonda, b'Intabera, bumvise Demokrasi, n'amategeko agenga umutwe wabo akazira Gihake na Giswa ; byitaweho n'urukiko rw'Ikirenga aliko ijambo n'inama Leta ibifitemo ntibishobora kubura.

4.- Kureba ibyaba bikibangamiye abaturage : Bigomba kuvanwaho, ni bigaragazwe mu kuli, bitavanzwemo amahari, n'inzangano n'ibindi byatuma bitavurwa neza cyangwa bitindirwa.

Inama za Komini ni zibigaragaze, ni kimwe mu milimo yazo : inama za Parti nizibivuge; icyubakira Repubulika cyose, Leta iracyumva ikacyitaho. Icyo dushima ni uko ibigoramye atari byinshi bikabije.

5.- Gutoranya ibyaha ububane bw'u Rwanda n'u Burundi, gutsura amajyambere y'abaturage, cyane cyane ibyerekeye Banke rusange n'uburyo mu Rwanda haba n'izindi banke z'ubucuruzi zifasha amajyambere y'imali mu baturage.

6.- Leta ikomeje imilimo yo guha u Rwanda Ikibuga cy'indege nyacyo cyakira indege nini ; kuko bifitiye Repubulika akamaro kanini mu mubano wa Politike, mu majyambere y'imali no mu bubanyi bw'amahanga, korohereza Abanyarwanda bafite impamvu zatuma bagomba kujya mu mahanga no kugaruka bitaziguye, al'uko bagiye guhahira ingo zabo cyangwa batumwe n'Igihugu.

7.- Gushyira abahanga b'abanyamahanga mu myanya bagomba kugilira mo Igihugu akamaro, batoza Abanyarwanda bose ubuhanga tutarageraho mu ngingo zose z'amajyambere.

Muzi ko muli aya mezi, Leta yasezereye Ababiligi benshi aliko ikagumana bamwe b'abahanga koko kandi bakunda u Rwanda nta buryarya. Kandi Leta ikaba ishaka abahanga mu bihugu byinshi cyane kubyerekeye ingingo z'amajyambere u Rwanda rwari rutarageragez kugeza ubungubu; nk'ibyo kuzagira Radio y'ingufu, gukomeza imihanda y'Igihugu, kugira uzine n'ibihingwa bishya, n'ibindi by'akamaro ku baturarwanda.

8.- Kugwiza amajyambere y'abagore n'abakobwa mu gihugu cyose : kuko aho basigaye inyuma, amajyambere yaho aba abuze inkingi ikomeye.

9.- Gutsura amajyambere y'ibifasha abaturage gutembera mu Gihugu, bitabahenze kandi bitabatindiye ngo bibicire igihe cy'indi milimo.

10.- Leta hamwe n'Inteko Nkuru y'Amategeko irashaka, kandi mu mezi

yambere y'uy'umwaka guha Igihugu itegeko iboneye ryo gutora, Naryo ni umulimo ukomeye, usasira amajyambere ya Demokrasi, kandi ujyana igihe kinini, kuko bigomba kwitonderwa.

Simvuze ibyo Leta igamije byose mu wa 1963. Nerekanye gusa ingingo zimwe muzikomeye. Sindambuye mu byerekeye ibyo kwitegura umusaruro wa kawa 1963, kuko bizahabwa igihe hafi y'amezi yabyo.

Sindambuye ibyerekeye amashuli n'uko Leta irangamiye kuzabona mu gihe kitari kure amashuli makuru mu Gihugu. Sindambuye mu byerekeye ibyo kwunga umubano w'abaturage ubwabo, Leta iwitayeho aliwo uha abantu gufatanyiriza amajyambere. Simvuze ibyo gutuza abantu batagira amasambu n'imilima: Amaprefegitura amwe ahora abona umwete Leta ibifitiye. Ba Ministre ba Repubulika na Prezida w'Igihugu bazi ko umulimo wabo ali uwo gukorera abaturage, kubayobora inzira ngufi y'amajyambere, kuberekera, kugorora ibyagoramira amajyambere rusange.

Uyu mwaka rero si ikiruhuko, ni uwo gukora ku munyarwanda wese; buli muntu mugice alimo, arebera ku gipimo nzahora mbabwira kureberaho: Amajyambere y'urugo.

Icyo twifuza nuko abaturage bose bagira icyo gitekerezo. Abategetsi bazafatanya na Leta ibayobora baboneje amajyambere yabo bashinzwe; abakozi ba Leta ntibashukwe n'ubutiku bwa gisilimu bw'imbura buryo, bubatesha gusa umwanya wo kugilira abaturage akamaro. Abaturage bagaya bene iyo migilire inyuranije n'amatwara ya kigabo yo gukunda Igihugu.

Imitwe yose, ibice byose, amashyaka yose bibane neza mu bworoherane, bose bumvira Leta. Mu gihugu kiremye neza kandi kiyoborwa na Demokrasi, Leta ishobora kwemera ko abaturage bayibwira icyo yaba ibagoramiyeho, cyangwa icyo yaba yirengagiza kandi gikomeye; aliko ntishobora kwemera ko bagira abayisabota, batayumvira, badindiza programu y'Igihugu: babikora rwihishwa cyangwa ku mugaragaro: bene abo bagomba kubihanirwa abo alibo bose.

Kuli ibyo ndagirango mbwire bamwe mu banyamadini bakiri muli limwe. Leta ya Repubulika yemerera amadini yose kwishyira akizana mu Gihugu, apfa gusa kutagira icyo yononera Igihugu; Leta yifuza ko umuturage wese yubaha amategeko meza y'idini ye kuko tuzi ko ibyiza byose bihulira ku Mana kandi bikagilira amajyambere y'abantu akamaro. Aliko Leta ntizemera abanyamadini bamwe bakilindagira muli gihake, gitutsi na gikolonize; cyangwa se bata umulimo amadini yabo yabahaye, bakajya gutera intugunda mu bitali ibyabo kandi batabishoboye, kuko ibyo byica Igihugu; cyangwa bajya mu bu propagande bw'ibyazigurutswe kera, nti bibuke ko Igihugu kigenga, ntibibuke ko Leta ishaka displine ku baturage bose, aliko gukomera ku mategeko uli ku mulimo wawe.

Ndashaka aliko gushima cyane rubanda rwose kubyerekeye uyu mwaka turangije. Mu ntangiriro zawo nababwiye byinshi mbasaba kwifata kigabo mu mwaka w'Indepandansi. Mwarabikulikije mwese, byerekana ko Repubulika y'u Rwanda yari ikwiliye koko guhabwa Ubwigenge. Amezi ashize ali atandatu u Rwanda rwigenga, mu mahoro nta ntugunda nk'izo twumvise ahandi, nta gihagaritse Ishyaka ry'amajyambere; Prezida wa Repubulika arabashimye mwese, Banyarwanda, banyarwandakazi. Mukomeze iryo shyaka, n'icyaba nyuma cyo ali mu bisanzwe muli iyi Si ya bene Adamu, twabifatanya, tukabitsinda mu mwanya muto; kandi bikaba bikange ababa bendaga kureguka.

Ku Banyarwanda bari mu mahanga: abajyanywe no guhaha bazane amahoro bokaza amahoro; abatoratse Igihugu bakireba inyuma iyo Igihugu cyavuye bazahe bagumye aho batorokeye, abashaka gutura aho batorokeye bature rwose batunge ingo zabo n'abana; abashaka gushyira hamwe n'amatwara ya Repubulika baze bashake aho batura kimwe n'abandi bose, bumvire amategeko muli Demokrasi kandi bagire ubwira.

Ngayo amagambo make nagirango mbwire u Rwanda mu ntangiriro y'uyu mwaka mushya wa 1963.

Murakabaho mwese, mubane n'amahoro y'Imana.

Kigali, le 1 - Janvier 1963.

PREZIDA WA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

Gr. KAYIBANDA.

# Minisitiri GATABAZI yirwanyeho

**Ngo abajandarume yasenyeye baragiye bati: ntuva muri iyi minisiteri utatwishyuye amafaranga y'inzu washenye. Umuzambiya wawe, nawe amasheki arayatabuye arasinya, abana banura izo noti: nguyu n'ibihumbi magana inani, nguriya n'ibindi...**

# Abatwa b'i Nyanza barabaza

Inama Perefa mushya yayoboye i Nyanza yitabiriwe n'Abatutsi benshi ngo bari baje gushyigikira mwene wabo; Abahutu bari baje kureba uko bigenda n'Abatwa bashakaga kwibariza.

N'ubwo abari bafite ibibazo bose batabibajije kubera inama itaratangiriye igihe, bityo abenshi bakaniganwa ijambo, Abatwa bo banze kuripfana ndetse umwe muri bo asa n'uryiha ku ngufu arabaza biratinda, ariyongeza maze ahangana na Perefe rubura gica.

Umutwa ati: *"Kuki aho tugiye hose badusubiza inyuma"?* Yashubijwe ko uzamusubiza inyuma kubera ubutwa bwe, azamurega maze agahanwa by'intanga rugero. Umutwa yarongeye ati: *"Kuki abize muri twe badahabwa imyanya ngo maze batuzamure"?* Kuri icyo kibazo Perefe yaramutunguye amusaba urugero. Umutwa, kubera "akongera-bwenge" yari yasomyeho, yararubuze (urugero) ariko yemeza ko hari bene wabo bize. Perefe ati *"niba bahari nibahirimbanire mu mashyaka maze azabaheshe imyanya"*. Ibi byanteye kwibaza niba ubuhanga n'ubushobozi bw'abatari mu mashyaka byarabaye icyuka. Mu kurangiza (nako ntiyarangije kuko yagiye akubita agatoki ku kandi) ati *"ko Abahutu n'Abatutsi bari muri demukarasi twe Abatwa turi he"?* Yashubijwe ko mu Rwanda amoko yose angana (byari ukwiyerurutsa birumvikana). Iyo urebye koko usanga Umutwa akiri ari muri ibi bihe tugezemo. Ibyo ari byo byose ntiyigaramiye, aribaza kandi akabaza, byamuyobera akiti NTEZIMANA cyangwa se NTEZIRIZAZA.

Naje kwibaza ku ishyirahamwe ry'Abatwa ry'aho i Nyanza ryitwa A.P.S.B. (Association pour la Promotion Sociale des Batwa). Iyo urebye usanga nta kintu ryungura Abatwa. Yego hari utudukoro twabo i Nyamagana; ariko se!? Ushinzwe abo bavandimwe ni Mama Agustjni uzwi cyane ku izina rya NYIRABATWAKAZI, niwe riteza imbere kandi si Umutwa; dore ko nta mutwa n'umwe uri mu buyobozi bw'iryo ngirwashyirahamwe. Uwo mubikira usanga n'agasuzuguro gakabije, mbese gasumba iacene, umuntu aha umukono we (iyo asuhuza) ajya mbona ... acisha akanyafu ku batwa bakuze; niba ari ko bitera imbere ntawamenya. Imodoka y'iryo shyirahamwe ... mutwa ndayicamo iryera.

Muri macye Abatwa b'i Nyanza bakeneye "kwibohoza", ndetse barasaba abanyamakuru, cyane cyane aba Radiyo Rwanda, kubasura bakavuga ingorane bakomeje guhura nazo cyane.

*Umusomyi w'"IJAMBO" Nyabisindu.*